Disikuru 9 z'abayobozi bakuru mu Rwanda zasize izina zinatangaza benshi mu myaka 20 ishize

Yanditswe na **Editor 1** kuwa 16-05-2015



Mu myaka 21 u Rwanda rwibohoye, inzego nkuru z'igihugu zanyuzemo abayobozi batandukanye bagiye basimburana, benshi bibukirwa ku bikorwa by'Indashyikirwa bagiye bagezaho igihugu, hari n'abatapfa kwibagirana kubera amakosa amwe n'amwe cyangwa udushya bagiye basiga bigatuma amazina yabo asigara mu mitwe ya benshi.

Uretse ibikorwa bifatika, hari zimwe mu mbwirwaruhame cyangwa disikuru (discour) zakanyujijeho mu Rwanda, ku buryo bigoye ko zasibagana mu mitwe ya benshi bitewe n'igihe zavugizwe, ingaruka zagize cyangwa se ibyazikurikiye.

Twabahitiyemo tumwe mu duce tw'ingenzi tw'imbwirwaruhame z'abayobozi bakuru mu Rwanda, ndetse n'ingaruka zagiye zigira.

"..**1. Misago naba n'umwere azajye no kuba Musenyeri ahandi.. Pasteur BIZIMUNGU**

Aya ni amagambo yavuzwe tariki ya 07 Mata 1999 n'uwari Perezida wa Repuburika Pasteri Bizimungu, ubwo yari I Kibeho mu mahango wo kwibuka ku nshuro ya 5 Jenoside yakorewe Abatutsi.

Nyuma y'ubuhamya bwari bwatanzwe n'abarokokeye kuri Kiliziya ya Kibeho bwagaragazaga uruhare n'uburyo Musenyeri Misago Augustin yabatereranye, kandi akaba akiri Musenyeri aho ngaho.

Icyo gihe Perezida Bizimungu mu ijambo rye ryari riremereye, yasabye ko Musenyeri Misago wari wicaye aho yafatwa agashyikirizwa ubutabera ndetse ko n'aho yatsinda akaba umwere, agasaba Kiliziya ko yajya kuba Musenyeri ahandi hatari ku Gikongoro.

Nyuma y'iminsi ibiri gusa iryo jambo rivuzwe, Musenyeri Misago yatawe muri yombi I Kigali tariki ya 09 Mata 1999 maze afugingirwa muri Gereza ya 1930. Aha ni naho yaje gushyikirizwa Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge aho yaje kugirwa umwere. Ibyo Bizimungu yari yaramusabiye ntibyakunze kuko nyuma yo kugirwa umwere yaje gusubira kuyobora Dioseze ya Gikongoro kugeza tariki ya 12 Werurwe ubwo yitabaga Imana.

2. ..Niba twaragiye muri Kongo turamaze..”

Aya ni amagambo yavuzwe tariki ya 07 Mata 1997 kuri Sitade Amahoro na Jenerali Majoro Paul Kagame wari Visi Perezida mu gutangiza icyumweru cy'icyunamo cyo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994.

Aha Kagame yakuragaho urujijo rw'ibyari bimaze iminsi binugwanugwa ko u Rwanda rwafashije ingabo za Laurent Desire Kabila gukuraho Mobutu Seseko wayoboraga Zaire yari yarahungiyemo abasize bakoze Jenoside mu Rwanda, binjiraga bakaza kugaba ibitero mu Rwanda. Perezida Kagame yagize ati “**niba twaragiyeyo turamaze”**

3. “….n'aho abanyarwanda batabikuza Imana yo izabikubaza”… mu kumusubiza nawe ati “….Imana nibimbaza nzayisubiza!”

Aya ni amagambo yavuzwe tariki ya 22 Mata 2000, mu ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko, nyuma yo gutora Perezida wa Repuburika w'Inzibacyuho, nyuma y'iyegura rya Pasteri Bizimungu.

Muligande Charles wari umaze gutsindirwa ku majwi 5 ku y'Abadepite n'abagize Guverinoma barenga 85, yafashe ijambo ashimira Perezida Kagame amubwira ko atorewe kuyobora no gukorera igihugu, ko igihe azaba atabyubahirije naho abanyarwanda batazabimuza, Imana yo izabimubaza.

Jenerali Majoro Paul Kagame icyo gihe wari Visi Perezida, mu gusubiza Muligande yagize ati “*..Imana nibimbaza nzayisubiza!*

4. …Ko njya numva muhamagaza aba-Minisitiri kuki mutajya muhagamaza abaterura n'abafata abagore…

Tariki ya 08 Werurwe 1999, ubwo hizizwaga umunsi w'abari n'abategarugori wari wizihirijwe mu Karere ka Nyagatare, icyo gihe hari muri Perefegitura y'Umutara, hari hagezweho umuco ukabije wo guterura muri ako gace, ari na yo mpamvu bari bahisemo kwizihiriza uyu munsi muri aka Karere.

Uwari Perezida wa Repuburika Bizimungu wari witabiriye uyu muhango n'abagize Guverinoma n'Inteko Ishinga amagateko, mu ijamabo rye yabajije Abadepite bari bamaze iminsi mu bikorwa by'igenzura rya Guverinoma, aho Abadepite batumizaga abaminisitiri kwisobanura kenshi mu Nteko.

Icyo gihe Perezida Bizimungu yafashe ijambo anenga umuco wo guterura wari weze muri ako gace, maze arangije anabaza Abadepite "**…ko njya mbona mutumiza abaminisitiri ko ntarumva mutumiza abaterura abagore n'ababafafa ku ngufu!?**

Iri jambo ryatunguye benshi kuko Bizimungu yabivuze azi neza ko bitari mu nshingano z'Inteko Ishinga amategeko gutumiza abanyabyaha.

Ibi byarakaje cyane Abadepite dore ko byanagarutsweho n'Abadepite ubwo yeguraga tariki ya 23 Werurwe 2000, bamushinja gusuzugura Abadepite.

5. Inteko ni mwe mwateye crisis ya mbere.., ni mwe mwavanyeho Guverinoma. Guverinoma mwifuje ngiyi maze kuyirahiza, nzaba ndareba ko mutongera kuyihungabanya.

Aya ni imwe muri discour zikomeye yavuzwe mu myaka 21 ishize, aho tariki ya 08 Werurwe, Guverinoma nshya yari iyobowe na Bernard Makuza yari imaze kurahizwa na Perezida wa Repuburika wari ho icyo gihe Bizimungu, washinjaga Inteko kuba ari yo yari imaze guhirika Guverinoma.

Mu ijambo ry'iminota 32 Bizimungu Pasteur yamaze imbere y'Abadepite abagaragariza ko anenga imikorere y'uru rwego Nshinga amategeko, aho yakoresheje imvugo zikakaye zirimo kwibasira Abadepite. Ni nyuma y'aho Inteko Ishinga amategeko yari imaze iminsi mu bikorwa byo kugenzura Guverinoma, aho abaminisitiri bari bamaze iminisi bahamagazwa kwisobanura, bamwe bakanakurwaho icyizere, bigatuma n'uwari Minisitiri w'Intebe Rwigema ahitamo kwegura avuga ko ahora asiragizwa mu Nteko.

Dore amwe muri ayo magambo yarakaje Abadepite yavuzwe na Bizimungu:

Inteko ni mwe mwateye crisis ya mbere.., ni mwe mwavanyeho Guverinoma. Guverinoma mwifuje ngiyi maze kuyirahiza, nzaba ndareba ko mutongera kuyihungabanya..,ni mwe muri kuzana akaduruvayo hano .., muzana amacakubiri muri Cabinet ..... ntago ari jye uteye crise ya Institution, ni mwe muri gutera crise ya institution…., ntago muri Cours des comptes mwihaye kuba cours des comptes.., ntago muri auditeur general mwagiye gukora audit.. njye narababwiye abo nganira nabo nti parliament nidahidura njye ntabyo nzemera..., ibidashingiye ku mategeko nta obligation mfite yo kubyemera.

Iri jambo ryarakaje Abadepite ndetse biza no kuba ishingiro ry'iyegura rye tariki ya 23/03/2000.

6. Mu bayobozi bose mwebwe mutarimo nyakubahwa Perezida harimo imikorere idawhwitse yo gushyira inyungu zabo bwite imbere..

Aka ni agace k'amagambo yatangajwe n'uwari Minisitiri w'Intebe w'u Rwanda Dr. Pierre Damien Habumuremyi tariki ya 08 Werurwe 2014 mu mu mwiherero w'abayobozi I Gabiro, aho yavuze ijambo ko abayobozi mu Rwanda (nawe ubwe arimo) ukuyemo Perezida Kagame barangwa n'imikorere idahwitse, irangwa no gusunikwa, uburangare no gushyira inyungu zabo bwite imbere.

Dr Habumuremyi yagize ati " **Mu bayobozi bose mwebwe mutarimo nyakubahwa Perezida, hari "imikorere idahwitse yo gushyira inyungu zabo bwite imbere, uburangare, gusiragiza abaturage, kudashaka kuzuzanya, kutumva ibintu kimwe no kudaha uburemere umuvuduko ugomba kugenderwaho; aho abayobozi bamwe bategereza gusunikwa cyangwa bakanga gufata ibyemezo ahubwo bakabihirikira ku bandi."**

Nyuma y'amezi ane gusa atangaje aya magambo y'imikorere idahwitse, Dr, Pierre Damien Haburemyi yavanywe muri uyu mwanya nubwo ntawakwemeza ko iyi mikorere idahwitse ari yo yatumye akurwaho icyizere.

8. "…Ntago Kizito akwiriye gukomeza kuba umusitari. Yari umusitari mu ndirimbo no mu buhanzi bwe ariko ntabe umusitari kubera ko yafashwe. Nimumufate nk'umugizi wa nabi nk'abandi bose …" Mitali Protais

Aya ni amagambo yavuzwe tariki ya 15 Mata 2014 n'uwari Minisitiri w'Umuco na Siporo Mitali Protais i Ruhanga mu muhango wo kwibuka Jenoside yakorewe abatutsi muri uyu Murenge, hari nyuma y'itabwa muri yombi ry'umuhanzi Kizito Mihigo.

Aya magambo y'imvugo yeruye ishinja, ntiyakiriwe na bose kandi avuzwe n''umuyobozi, mu gihe amategeko ateganya ko mu gihe cyose umuntu atarahamywa icyaha n'Urukiko aba akiri umwere nkuko biri mu mahame y' Itegeko nshinga rya Repuburika y'u Rwanda

Iki ni igice cya mbere nawe hari izo wibuka watwandikira kuri info@makuruki.com tuzazishyira mu gice cya kabiri cy'iyi nkuru

Makuruki.rw

IGICE CYA 2: Disikuru 5 z'abayobozi bakuru mu Rwanda zasize izina zinatangaza benshi mu myaka 20 ishize

Yanditswe na **Editor 1** kuwa 26-09-2015

Twabasezeranyije ko tuzagezaho igice cya kabiri cy'inkuru ya zimwe mu mbwirwaruhame cyangwa disikuru (discour) z'abayobozi bakuru mu Rwanda zanditse amateka ku buryo bigoye ko zasibagana mu mitwe ya benshi bitewe n'igihe zavuzwemo, uburyo zavuzwe ndetse cyangwa se inkurikizi zagize nyuma yo kuvugwa.

Twabahitiyemo tumwe mu duce tw'ingenzi 5 tw'imbwirwaruhame ziyongera ku zindi icyenda twabagejejeho mu minsi ishize.

1. **….FDLR ntago ishobora kwinjira mu Rwanda ngo imaremo isaha imwe, ibyo ndabibasezeranyije!**

Aya ni amagambo yatangajwe na General James Kabarebe Minisitiri w'Ingabo z'u Rwanda tariki ya ya 04 Ukuboza 2012, ubwo we na bagenzi be uw'Ububanyi n'Amahanga n'uw'Imari n'Igenamigambi bagezaga ibisobanuro ku Nteko Ishinga Amategeko uko ubuzima bw'igihugu buhagaze.

Ahawe umwanya ngo asobanure uko umutekano wifashe mu Karere cyane cyane ikibazo cya FDLR, Gen. James Kabarebe yatsindagiye ko FDLR idashobora gutera ngo ifate u Rwanda, cyangwa se ibe yagira agace na kamwe ifata ngo ndetse ntabwo abarwanyi bayo bashobora kumara isaha n'imwe mu Rwanda ari bazima.

Ati: *"….Ntabwo FDLR yakwinjira mu Rwanda ngo imaremo isaha, ibyo ndabibasezeranyije rwose, uko yaza ingana kose, wenda kubera imipaka, utarinda buri metero y'umupaka amanywa n'ijoro wenda hari abashaka aho baca bakinjira, baba magana atatu baba igihumbi, ntabwo FDLR yamara isaha mu Rwanda ni ibintu bidashoboka ikiriho."*

Iri jambo ryahawe amashyi y'urufaya n'abadepite n'abasenateri bari mu cyumba cy'Ingoro y'Inteko Ishinga Amategeko, bitewe n'uburyo uyu mujenerali yabivugaga atsindagira icyo cyizere yahaga abanyarwanda.

2. **"….Leta ntago izakomeza gukora byo nakwita gutokora ifuku..**

Aya ni amwe mu magambo yatangajwe n'uwari Minisitiri w'Intebe **Rwigema Pierre Celestin** tariki ya 27/12/ 1997, ubwo yari mu cyahoze ari Komini Kanama, Perefegitura ya Gisenyi.

Icyo gihe ubwo abaturage bamwe bo mu gace k'amajyaruguru n'uburasirazuba mu cyahoze ari Perefegitura ya Gisenyi na Ruhengeri bari bakomeje gushyigikira abacengezi ndetse bakanigomeka kuri Leta, uwari Minisitiri w'Intebe yarabagendereye arabaganiriza, aho yashakaga kubumvisha ko Leta itazakomeza kwihanganira abaturage badashaka guhinduka

ngo bitandukanye n'umwanzi, ari we mucengezi wari ukomeje guhishirwa no gufashwa na benshi mu baturage bo muri aka Karere.

Rwigema yagize Ati "*….ndakeka ko ibyo bene wanyu bamaze iminsi babashoramo, bishobora kuba byarabanukirije gatoya ngo mwumve ko isasu rinuka kandi mubone ko ritanarobanura, ngira ngo noneho mubyumve[…] Leta ntago izakomeza gukora ibyo nakwita gutokora ifuku. Igomba kubumvisha ko inshingano mufite nk'abanyarwanda mutagomba kwigomeka ku butegetsi, nko kwitabira amabwiriza muhabwa n'inzego z'ubuyobozi, nko gukurikiza amategeko.., ko igihe cyose mwigometse muzanemere mwakire n'ingaruka zabyo, murabyumva?*

3. **…muramenye ntimuzangire nka Yesu, (aseka) abayisirayeli baramwishimiye cyane barangije baramubamba..,**

Aha hari tariki ya 11 Kanama 2014 yavuzwe na Habineza Yozefu, ubwo yari ageze ku kibuga cy'Indege avuye mu gihugu cya Nigeriya ubwo yari agarutse kuba Minisitiri w'Umuco na Siporo. Ubwo yari abajijwe n'abanyamakuru uko yakiriye uburyo abanyarwanda bishimiye kongera kugirwa Minisitri wa Siporo n'Umuco.

Ambasaderi Habineza yagize ati "*…...abo twaganiriye narababwiye ngo muramenye ntimuzangire nka Yesu, (asekaa) abayisirayeli baramwishimiye cyane barangije baramubamba.., kuvuza impundu n'ibyishimo bitazavamo induru. Imana izadufasha n'abanyarwanda muzamfasha, kandi mfite support yaba Perezida yaba Premier n'abandi ba Ministre tuzakorana namwe abanyarwanda ndabizi ko bizagenda neza.*

Ibi uyu muyobozi wavugaga wagira ngo arihanurira kuko nyuma y'amezi 7 yuzuye, Minisitiri Habineza Yozefu yasimbujwe bitunguranye n'Uwacu Julienne wari usanzwe ari umudepite mu Nteko Ishinga Amategeko.

4. "**…..ngo bazabanza bavaneho Kagame.., ryari se? ryariiii? Byanyuze mu yihe nzira se, iya demokarasi se, iy'intambara se, iyihe?**

Aya ni amagambo yavuzwe na Perezida w'u Rwanda Paul Kagame tariki 4 Ukuboza 2010, ubwo yaganiraga n'abanyarwanda baba mu gihugu cy'Ububirigi abasaba kwirinda abashuka bamwe mu banyarwanda baba bashaka gutaha bababwira ko mu Rwanda ibintu bitameze neza ariko ko biri hafi kujya mu buryo, babizeza ko bari bugufi gukuraho Perezida Kagame.

Icyo gihe, Perezida Kagame agira icyo abivugaho yagize ati "*….ba bandi baba hanze aha bababeshya bababwira.., nushatse gutaha bakamubuza ngo buretse gutaha ngo ibintu biri hafi gutungana.., ngo bazabanza bavaneho Kagame.., ryari se? ryariiii? Byanyuze mu yihe nzira se, iya demokarasi se, iyi ntambara se, iyihe? Barabashukaa! Kubera ko abo babivuga ntago bazi u Rwanda n'abanyarwanda.*

Iri ni rimwe mu ma-disikuru yamamaye cyane, aho bamwe bahisemo aka gace kayo kukagira indirimbo yo kwitabiraho muri telefoni zabo kugeza magingo aya.

5. "...**Njyewe kimwe mu binshimisha mu buzima..kuba nyobora nkanicara aho Habyarimana watotezaga abantu yicaraga**"

Ibi byavuzwe tariki 22/05/2015 n'uyu muyobozi w'Umujyi wa Kigali **Fidele Ndayisaba** akaba yarabivuze ubwo hibukwaga abahoze ari abakozi b' icyahoze ari Perefegitura y' Umujyi wa Kigali n' amakomini yaje mu mujyi wa Kigali ku nshuro ya 21.

Mayor Ndayisaba mu ijambo rye yavuze ko mu buzima buri wese agira ibimushimisha kandi ko nawe hari byo yamaze kubona byamushimije nyuma y'iyi myaka 21 irangiye Jenoside ihagaritswe.

Ati :*"Njyewe kimwe mu binshimisha mu buzima ngirango hari byinshi, ariko ibinshimisha narabibonye. Kimwe mu binshimisha mu buzima, kuba mfite igihugu, nkagira ijambo mu gihugu cyanjye, nkaba na nayobora nkanicara aho Habyarimana watotezaga abantu yicaraga. tukaba twaranavanyeho na Nyakatsi yari yarahasize yarimo imizimu biciragamo abantu, ubu tukaba tuhafite ingoro ikwiriye ubuyobozi bw' abanyamujyi".*

Aha Fidele Ndayisaba yavugaga yicara ni mu kibanza cyahozemo ingoro y'Umukuru w'Igihugu mbere ya Jenoside yakorewe abatutsi muri Mata 1994, kuri ubu hasigaye hubatswe inyubako nini ikorerwamo n'Umujyi wa Kigali uyoborwa na Fidele Ndayisaba.

Iki ni igice cya kabiri nawe hari izo wibuka watwandikira kuri ***info@makuruki.rw*** *tuzazishyira mu gice cya gatatu cy'inkuru itaha.*

Makuruki.rw